

A knight in ornate golden armor is kneeling on a red cloth, reading an open book that glows with a golden light. The knight's hands are clasped in prayer over the book. The background is dark with a bright, golden light source behind him, creating a dramatic, high-contrast scene. The overall mood is one of devotion and study.

# INTWARI MU GUSENGA

“Nkundira Uwiteka, Kuko yumvise ijwi ryanjye no  
kwinginga kwanjye. Kuko yantegeye ugutwi, Ni  
cyo gituma nzajya mwambaza nkiriho”  
(Zaburi ya 116:1, 2)






Ibiremwa byose, n'abantu barimo, Imana yabiremanye ubushobozi bwo gushyikirana hagati yabyo, ndetse na Yo. Ikibabaje, ni uko igihe Adamu na Eva bacumuraga, abantu batakaje ubushobozi bwo gushyikirana n'Imana mu buryo butaziguye.

Ariko Imana yaduhaye impano. "Telefone" idufasha gukomeza kuvugana na Yo: isengesho.

Daniyeli, Henoki na Mose ni ingero z'uburyo dushobora gukoresha iyi mpano ikomeye.



**Daniyeli:**



Gusenga mu bihe by'akaga



Gusenga mu nyifato ikwiriye



**Henoki:**



Imibereyo yo gusenga




**Mose:**



Kuvugana n'Imana



Isengesho ryo gusabira abandi





DANIYELI  
DANIYELI


# GUSENGA MU BIHE BY'AKAGA

“Mpanga amaso Umwami Imana yanjye, mushakisha gusenga no kwinginga niyiriza ubusa, nambara ibigunira, nisiga ivu”  
(Daniyeli 9:3)




Kubera kwiringira Imana kwa Daniyeli, yahawe ubumenyi, ubushobozi bwo gusobanura inzazi, n'ubwenge (Daniyeli 1:8, 17, 20). Igihe ubuzima bwe n'ubw'inshuti ze bwari mu kaga, yiyambaje Imana mu isengesho (Daniyeli 2:17–23).

Kubera imibereho yo gusenga, ni iyihe mico Daniyeli yagize (Daniyeli 6:3–5)?



U  
M  
U  
Y  
O  
B  
O  
Z  
I  
M  
W  
I  
Z  
A



U  
B  
U  
D  
A  
K  
E  
M  
W  
A




U  
D  
A  
K  
E  
B  
A  
K  
E  
B  
A



U  
T  
A  
G  
U  
R  
W  
A  
N  
T  
A  
G  
U  
R  
I  
S  
H  
W  
E



U  
W  
I  
R  
I  
N  
G  
I  
R  
W  
A



U  
W  
U  
B  
A  
H  
W  
A



U  
W  
I  
Z  
E  
R  
W  
A  
N  
'  
I  
N  
D  
A  
H  
E  
M  
U  
K  
A




U  
T  
A  
G  
I  
R  
A  
I  
N  
G  
E  
S  
O  
M  
B  
I

# GUSENGA MU BIHE BY'AKAGA

"Mpanga amaso Umwami Imana yanjye, mushakisha gusenga no kwinginga niyiriza ubusa, nambara ibigunira, nisiga ivu"  
(Daniyeli 9:3)

Ijuru ryitaga ku gusenga kwa Daniyeli (Daniyeli 9:20–23; 10:12). Guca uyu murunga ni byo byonyine byajyaga gushoboza abanzi be kumugirira nabi (Daniyeli 6:5–7).

Ubwo Daniyeli na none yari akangishijwe gupfa, yakomeje akamenyero ke ko gusenga (Daniyeli 6:10):



Ntayahinduye  
gahunda ye,  
gusenga  
gatatu ku  
munsi



Byari  
byitezwe,  
gukingura  
amadirishya  
yerekeye i  
Yerusalemu



Yari afite  
akamenyero  
kihariye;  
yasengaga  
apfukamyeye



Gusenga  
byibandaga  
ku gushima  
no  
kwinginga

# GUSENGA MU NYIFATO IKWIRIYE

"Maze Daniyeli yumvise ko urwandiko rwashyizweho ukuboko ajya iwe, (kandi amadirishya y'inzu ye yari akinguwe yerekeye i Yerusalemu), akomeza kujya apfukama gatatu mu munsu asenga Imana ye, akayishimira nk'uko yari asanzwe azenze." (Daniyeli 6:11)



Guhombeka amaso bituma duhugira ku isengesho gusa, ariko mu bihe bimwe na bimwe ntibishoboka (umuntu ari kugenda, atwaye imodoka, n'ibindi).

Icy'ingenzi ni uko amasengesho yacu akorwa mu cyubahiro Imana ikwiriye.

Iyo dusenga, tuvugana n'Imana nk'abavugana n'inshuti. Ariko Imana ntabwo imeze nkatwe. Ni Umwami w'Isanzure yose.

Kubw'iyi mpamvu, umuco wa Daniyeli wari uwo gupfukama imbere yayo asenga, mu kuyihamya nk'Umwami we.


Kubera ko dushobora gusenga Imana aho turi hose no mu gihe icyo ari cyo cyose, si ko buri gihe bishoboka cyangwa ngo bibe ngombwa kubikora muri ubu buryo.



# GUSENGA MU NYIFATO IKWIRIYE

"Maze Daniyeli yumvise ko urwandiko rwashyizweho ukuboko ajya iwe, (kandi amadirishya y'inzu ye yari akinguwe yerekeye i Yerusalemu), akomeza kujya apfukama gatatu mu munsu asenga Imana ye, akayishimira nk'uko yari asanzwe azenze." (Daniyeli 6:11)


Muri Bibiliya dusangamo ingero z'abantu basenze mu buryo butandukanye, bitewe n'ibihe byihariye bari barimo.




**Yehoshafati**  
yasenze  
ahagaze  
imbere  
y'iteraniro (2  
Ngoma 20:5)



**Dawidi yicaye**  
imbere  
y'Imana  
atanga  
ishimwe (2  
Ngoma 7:18)



**Salomo**  
yasenze  
apfukamye,  
azamuye  
amaboko ye (1  
Abami 8:54)



**Abantu**  
bubamye  
hasi kugira  
ngo basenge  
(Nehemiya  
8:6)



**Dawidi**  
yasenze ari  
ku gisasiro  
cye  
(1 Abami  
1:47)



**Nehemiya**  
yarahagaze  
maze asenga  
bucece imbere  
y'umwami  
(Nehemiya 2:1-4)

Uko twaba tumeze kose, Bibiliya idushishikariza gusenga ubudasiba (1 Abatesalonike 5:17), mu buryo budacogora (Abakolosayi 4:2) ndetse bushikamye (Abaroma 12:12).



HENOKI  
HENOKI




# IMIBEREYO YO GUSENGA

**“Kandi Henoki yagendanaga n’Imana, ntiyaboneka, kuko Imana yamwimuye.” (Itangiriro 5:24)**


**Henoki yabayeho mu bihe bigoye, ubwo ubuhenebere bw’ababanjirije umwuzure bwagendaga bwiyongera. Kuvuka k’umwana we kwatumye amenya Imana biruseho cyane, maze umubano we na Yo urāguka (Itangiriro 5:21–24).**

**Isengesho ryari ingenzi cyane muri uwo mubano. Uko umurimo we warushagaho kuba mwinshi kandi wihutirwa, ni ko amasengesho ye yarushagaho gesenganwa umwete no gushikama. Hari igihe yajyaga ahantu hiherereye kugira ngo arusheho gusabana n’Imana. Ariko, buri gihe yasubiraga mu bantu kugira ngo abasangize kumenya Imana kwe.**



**Imana iratwumva twaaba mu rujya n’uruza rw’ubuzima bwa buri munsi ndetse no mu ituze ryo mu rwiherero. Nta hantu na hamwe ku Isi idashobora kutubona no kutwumva.**

**Dushobora gusenga mu magambo (bidufasha guhugira kuri byo), cyangwa tukabikora tutabumbuye umunwa (bidufasha kugaragaza ibitekerezo byacu). Icy’ingenzi ni ukudahwema kuvugana n’Imana mu isengesho.**





**MOSE**  
MOSE

# KUVUGANA N'IMANA

**"Mu Bisirayeli ntihabonetse ukundi umuhanuzi uhwanye na Mose, uwo Uwiteka yamenyaga barebana"  
(Gutegeka 34:10)**

**Abisirayeli bamaze kumva ijwi ry'Imana rivugira kuri Sinayi, basabye ko itazongera kuvugana na bo imbonankubone, kuko batinyaga gupfa kubera ijwi ryayo (Kuva 20:18–19).**



**Ibi si ko byari bimeze kuri Mose, wavuganaga n'Imana imbonankubone (Gutegeka 34:10). Mu gihe cy'imyaka 40 (kuva ku gihuru cyaka kugeza ku rupfu rwe), Mose n'Imana bagiranye ibiganiro byihariye bya buri gihe (Kuva 33:9–11).**



**Bibiliya ivuga kenshi ibihe byinshi by'iminsi mirongo ine aho Imana yahaye Mose amabwiriza yihariye yo kubaka ihema ry'ibonaniro ikanamugezaho amategeko atari amwe. Muri ibyo biganiro, Mose yanasabiye abantu.**



**Ntabwo dufite amahirwe yo kuvugana n'Imana imbonankubone [ubu], ariko isengesho riziba icyo cyuho ritwemerera kuvugana na Yo mu buryo butaziguye.**

# ISENGESHO RYO GUSABIRA ABANDI

*"Kandi Uwiteka arakarira Aroni cyane ashaka kumurimbura, muri uwo mwanya ndamusabira na we."* (Gutegeka 9:20)

Isengesho ryo gusabira abandi ni iryo dusengeramo abandi bantu (Yakobo 5:16; Matayo 5:44; 1 Timoteyo 2:1–4).

Mose yasabiye abandi ku Mana mu bihe bitari bimwe no ku mpamvu zitari zimwe:

## ★ KUBW'ABAGIZE IMIRYANGO YABO



\* Kubera icyaha cya Aroni (Gutegeka 9:20)



\* Kubera ukwitotomba kwa Miriyamu (Kubara 12:10–13)



\* Igihe bari bafite inyota (Kubara 15:24–25)



\* Igihe bari bashonje (Kubara 11:11–13)



\* Igihe bacumuraga (Kubara 32:30–32)

Ni iki cyatumye Mose asengera abandi?

Ni na cyo gikwiriye kubidutera: urukundo dukunda abo dusengera.



**“Dukwiriye gusengera hamwe n’abo mu rugo; ariko kuruta byose, dukwiriye kutirengagiza kwihererana n’Imana; kuko ibyo ari byo buzima bw’umutima. Ntabwo umutima wakunguka twirengagije gusenga. Gusengera hamwe n’abo mu rugo cyangwa n’abo mu iteraniro ntibihagije na hato. Mu rwiherero, wemerere umutima wawe gukingurirwa ijisho ryitegereza ry’Imana. Isengesho ryo mu rwiherero rigomba kumvwa gusa n’Imana, Yo yumva gusenga. Nta gutwi k’umunyamatsiko gukwiriye kumva bene uko gusaba. Umutima w’usengera ahiherereye ntugotwa n’ibiwuhuza, ntiwumva urusaku no gusamāra. Isengesho ry’ushakana Imana ituza kandi ufite umwete mwinshi, rigera ku Mana. Hazabaho ingaruka nziza kandi zihoraho ziturutse kw’Ireba ibihishwe, Ifite ugutwi gufunguriye kumva isengesho riva mu mutima.”**